

# ***ISHEMA Party- Parti ISHEMA- Ishyaka ISHEMA***



***VERITE – INTREPIDITE – JUSTICE SOCIALE***

***817, rue Galarneau  
Sherbrooke QC J1N 4C3  
CANADA***

Tél : +1 5819867256 +33 643601311 Email : [ishema\\_party@yahoo.fr](mailto:ishema_party@yahoo.fr) Website: [www.ishema-party.org](http://www.ishema-party.org)

---

Bavandimwe muhuriye mu mushinga wa Rwanda Bridge Builders (RBB)

**Impamvu:** Kuba duhagaritse imikoranire n'urwego nyunguranabitekerezo

Bavandimwe,

1. Abagize ishyaka ISHEMA ry'u Rwanda bishimiye kandi bifuza kugira uruhare mu guteza imbere umushinga wo guhuza abatavuga rumwe na RPF-Inkotanyi hagamijwe guharanira no guteza imbere inyungu rusange z'Abanyarwanda zikomeje kubangamirwa n'uko urubuga rwa politiki rufunze mu Rwanda.
2. Si ubwa mbere ibi bigeragejwe kuko mu myaka 26 RPF imaze ku butegetsi abatavuga rumwe na Leta y'u Rwanda bagiye bagerageza kwishyira hamwe ariko bikananirana. Impamvu ni nyinshi zibitera ariko iz'ingenzi zishingiye ku byo abantu bemera bidahuye, amateka twanyuzemo yagiye avangwa na propaganda ishyira icyasha ku bo mutabona ibantu kimwe, no kudahuza inyungu abantu bafite mu miterere ya politiki y'igihugu.
3. Mu kwitabira uyu mushinga, Ishyaka ISHEMA ryifuzaga ko izi mpamvu zibanza zikagibwaho impaka n'abagize urwego nyunguranabitekerezo bose hagenderewe gusenya inkuta zidutanya hakubakwa ibiraro biduhuza. Ibi byari kudufasha kubaka ingengabitekerezo imwe tugatangira gukora ibikorwa bifatika nta rwikekwe ndetse twitandukanyije n'ikinyoma cyakunze kandi gikomeje kuranga politiki y'u Rwanda. Ibi ntibyakozwe kandi dukurikije icyerekezo uru rwego rufite, turashidikanya ko byazakorwa.
4. Ikindi twabashije kubona ni uburyo bufifitse budashingiye kuri demokarasi buranga imikorere y'uru rwego. Umuco wo kuganira no gufata ibyemezo ku gitekerezo iki n'iki ugaragaramo icyuho kirekire. Mu ishyaka ISHEMA twitoje gusigasira imikorere isa n'iya za Parlements/Parliaments: Iyo hari umuntu cyangwa itsinda rizanye igitekerezo, gishyirwa mu mpaka, buri wese akavuga uko akibona, impaka zigasozwa no gufata umwanzuro unyujijwe mu matora. Iyo igitekerezo gitowe ku bwiganze bw'amajwi, kigirwa umwanzuro wa bose, harimo n'abatagitoye. Muri uru rwego hakunze kugaragara gutanga ijambo buri wese akavuga uko abyumva ariko hagasozwa nta we uzi umwanzuro ufashwe ahubwo bikavugwa ko abagize secretariat bafashe notes. Abo bagize secretariat ntibazwi, uburyo bashyizweho n'icyakurikijwe ntibazwi, ndetse n'imyanzuro basohora usanga idahuye n'ibayavuzwe mu nama kuko nta mwanzuro usobanutse uba wavanywe mu mpaka zagiwe.
5. Ibi byanagaragaye mu gihe cyo kwemeza gukorera mu matsinda. Icyemezo cyari cyatanzwe kwari ukuzajya mu matsinda twaramaze kwiga ku bibazo bidutanya no kubishakira umuti. Hagati aho hari abifuje ko twahura tugafata umwanzuro ku masezerano u Rwanda ruherutse kugirana na Leta zunze ubumwe z'Amerika. Byari kuba byiza iyo iyi nama itumizwa

---

***Le Parti ISHEMA recherche à Promouvoir la Démocratie au Rwanda à travers les Valeurs de  
VERITE, INTREPIDITE et JUSTICE SOCIALE***

# ***ISHEMA Party- Parti ISHEMA- Ishyaka ISHEMA***



***VERITE – INTREPIDITE – JUSTICE SOCIALE***

***817, rue Galarneau  
Sherbrooke QC J1N 4C3  
CANADA***

Tél : +1 5819867256 +33 643601311 Email : [ishema\\_party@yahoo.fr](mailto:ishema_party@yahoo.fr) Website: [www.ishema-party.org](http://www.ishema-party.org)

hakagibwa impaka kuri iki gitekerezo, hagafatwa umwanzuro. Ariko ngo hari abifuje ko ibi byakorwa neza binyujijwe mu matsinda. Ni bangahe? Babivugiye he? Ku buhe buryo? Umwanzuro wafashwe na nde? Byarangiye abantu bashyizwe mu matsinda nyamara ikibazo nyamukuru ku bidutanya kitarigwa. Ni gute abantu baturutse mu ngengabitekerezo zitandukanye, bakirebana nk'abahanganye (adversaires) bazahurira mu itsinda bagakorana mu nyungu rusange mu gihe bigaragara ko inyungu batazihuje?

6. Kutagira imirongo migari n'amategeko yatowe muri demokarasi n'abagize urwego, kutagira abayobozi batowe umwe umwe kandi ngo bahabwe inshingano zisobanutse na mandat izwi, ni bimwe mu biha urwaho imikorere tubona ko idahwitse kandi itaboneye. Aha twatanga urugero nko ku gikorwa cyo gushyira umukono ku nyandiko zitekerejwe n'ishyaka cyangwa ishyirahamwe rimwe mu yagize uru rwego. Nk'inyandiko zose twabagejejeho ngo mudufashe kuzishyiraho umukono nta n'imwe yigeze ihabwa agaciro kandi nyamara ntihagaragajwe icyo izo nyandiko zitubahirije. Muri icyo gihe twe izo twagejejweho twazishyizeho umukono hagenderewe inyungu rusange zo kubaka uyu mushinga n'ubwo hari ibyo twari tutaremeranywaho.
7. Dushingiye kuri ibyo tumaze kuvuga haruguru n'ibindi byinshi tutavuze ariko bigaragarira buri wese, turasanga tudashobora kuguma muri uru rwego mu gihe rugikora rutyu.

Bityo rero:

Guhera tariki ya 10/10/2020 duhagaritse gukorera muri uru rwego.

Bikorewe i Montréal, kuwa 10/10/2020.

**Nadine Claire KASINGE**

**Perezidante**

